INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA
NATIONAL COUNCIL OF NURSES AND MIDWIVES
CONSEIL NATIONAL DES INFIRMIERES, INFIRMIERS ET DES SAGES-FEMMES
P.O BOX 4259 KIGALI mOB.TEL : **(250) 788386969** E-mail : info@ncnm.rw

# ITANGAZO RYO KUGURISHA UMUTUNGO BWITE WA NCNM

**Itangazo Nº 01/NCNM/TC/021**

**Uburyo bwo kugurisha**: Ipiganwa rinyuze mu mabahasha afunze (bidding through sealed envelopes)

Inama y'Igihugu y'Abaforomokazi, Abaforomo n'Ababyaza (NCNM) iramenyesha abantu cyangwa ibigo bibyifuza kandi bibifitiye ubushobozi ko igurisha umutungo wayo bwite ugizwe n'binyabiziga (imodoka ebyiri) zifite ibirango bikurikira:

| IMODOKA | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Nº | Nº IMMATRICULATION | GENRE | MARQUE | Nº DU CHASSIS |
| 01 | RAC 875N | JEEP | TOYOTA RAV4 | JTEHH20V800092778 |
| 02 | RAE458T | JEEP | TOYOTA/RAV4 | JTEHG20V200077230 |

Abifuza kugura izo modoka bashobora kuzisura (site visit) ku cyicaro cya NCNM giherereye mu karere ka KICUKIRO, Umurenge wa GATENGA, Akagali ka NYANZA, Umudugudu wa BWIZA mu masaha y'akazi guhera saa Yine za mu gitondo (10h:00) kugeza saa Kumi za nimugoroba (16h:00).

Amabahasha afunze akubiyemo ibiciro ndetse n'inyemezabwishyu (bordereau de versement) y'ingwate idasubuzwa ingana n'amafaranga ibihumbi mirongo itatu y'u Rwanda (30.000FRW) bigomba kugezwa muri serivisi ishinzwe itangwa ry'amasoko ku cyicaro cya NCNM bitarenze tariki ya **03/12/2021** saa Yine z'amanywa (10h00).

Amabahasha azaza akerewe ntazakirwa. Andi mabwiriza agenga iri piganwa mwayasanga ku mugereka w'iri tangazo.

**ICYITONDERWA:** Upiganwa wese asabwe gusoma no kubahiriza amabwiriza kugeza ipiganwa rirangiye.

**Bikorewe I Kigali, kuwa 19 Ugushyingo 2021.**

**MUSABYIMANA TWAHIRWA Jean Damascene**
**Uhagarariye komite Ishinzwe itangwa ry'amasoko**

**KAGABO Innocent**
**Umwanditsi Mukuru wa NCNM**

**AMABWIRIZA AGENGA IGURISHWA RY'UMUTUNGO BWITE WA NCNM**

1. Gufungura amabahasha ni mu ruhame kandi bizakorwa kuwa **03 Ukuboza 2021** byitabirwe gusa n'abatanze amabahasha y'ipiganwa.
2. Uzatsinda ni uzaba yatanze igiciro kiri hejuru y'icy'abandi.
3. Ku munsi w'ifungura ry'amabahasha, uzaba yatsinze abandi asabwa guhita yishyura amafaranga yose cg 30% y'igiciro cyose cy'ikinyabiziga; 70% asigaye akishyurwa bitarenze iminsi 3 uhereye ku munsi amabahasha yafunguriweho, atayishyura akamburwa uburenganzira ku kinyabiziga yaguze kandi amafaranga yari yatanze ntasubizwe.
4. Uwishyuye amafaranga yose asabwa gutwara ikinyabiziga bitarenze iminsi ibiri uhereye ku munsi yishyuriyeho.
5. NCNM nta nshingano n'imwe ifite yo kurinda ikinyabiziga cyamaze kugurwa
6. Uwatsindiye ikinyabiziga azakorana amasezerano y'ubugure na NCNM ari na yo azashingirwaho mu guhinduza amazina hagati y'abaguze (Mutation).
7. NCNM ishobora kwanga igiciro cyatanzwe igihe kiri munsi y'agaciro fatizo k'ikinyabiziga.
8. Ugura yishyura kuri konti ya NCNM iri muri Banki ya Kigali **00040-0306626-42** ku mazina ya **"NCNM/CNISF MINISTERE DE LA SANTE"**
9. Abifuza ibindi bisobanuro mwahamagara kuri Telephone 0788386969 cyangwa anyuze kuri "Email" y'ikigo ariyo: info@ncnm.rw.

Damy K